REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GASHYANTARE 2023

10 Werurwe 2023

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 20,8% mu kwezi kwa Gashyantare 2023 ugereranyije na Gashyantare 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2023 byari byiyongereyeho 20,7%.

Mu kwezi kwa Gashyantare 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 42,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 23,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,1%, n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 12,1%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2023 na Gashyantare 2022, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 14,4%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2023 na Mutarama 2023, usanga ibiciro byariyongereyeho 1,8%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,7%

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Gashyantare 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 37,1% ugereranyije na Gashyantare 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2023 byari byiyongereyeho 38,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Gashyantare, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 67,7% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 20,6%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2023 na Mutarama 2023 ibiciro byiyongereyeho 3,2%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,8%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Gashyantare 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 30,3% ugereranyije na Gashyantare 2022. Mu kwezi kwa Mutarama 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 31,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Gashyantare 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 59,7% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 21,4%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2023 na Mutarama 2023 ibiciro byiyongereyeho 2,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,2%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2022 kugeza muri Gashyantare 2023.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2022 kugeza muri Gashyantare 2023**

***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2022 | | | | | | | | | | | 2023 | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 5,8 | 7,5 | 9,9 | 12,6 | 13,7 | 15,6 | 15,9 | 17,6 | 20,1 | 21,7 | 21,6 | 20,7 | 20,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 3,1 | 4,3 | 11,0 | 16,4 | 17,9 | 22,5 | 23,6 | 28,5 | 39,2 | 42,9 | 39,2 | 38,8 | 37,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 4,2 | 5,6 | 10,5 | 14,8 | 16,1 | 19,6 | 20,4 | 23,9 | 31,0 | 33,8 | 31,7 | 31,1 | 30,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,8 | 3,1 | 2,4 | 1,9 | 0,8 | 1,7 | 0,5 | 2,1 | 2,7 | 0,8 | 0,0 | 1,3 | 1,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 4,5 | 2,6 | 4,7 | 2,3 | 1,5 | 3,5 | 1,6 | 3,8 | 7,6 | 1,5 | -2,5 | 2,6 | 3,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 3,3 | 2,8 | 3,7 | 2,1 | 1,2 | 2,7 | 1,1 | 3,1 | 5,6 | 1,3 | -1,5 | 2,1 | 2,7 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw